# UMUVUGO: U R W'E J O

Ndengera mubyeyi ndengere urw'ejo.
Mubyeyi wambyaye mubyeyi wabyaye
Cyo mbwiliza ibyiza byizihiye urubyaro
Rwiza rwizihiye uru Rwanda rw'ejo;
Ejo rutajaja rujajaba ruzize ubujiji.

Ni wowe ntakamba ntakira wowe wantanze i RWANDA
Ndangaje imbere ali wowe ndeba
Ndengera rwose ndengere urw'ejo.

Dore ubu bucyeye bucyanye ayandi
Imyaka yakyeje kera none ucyuye
Uwacu:-Umwaka wizihiye uruhinja
-Umwaka wizihiye umubyeyi
-Umwaka wizihiye urubyiruko.

Izibika zali amagi ni wowe ubwirwa
Wowe musore usoretse nawe mwali mwiza
Wizihiye uyu mwaka wacu.

Cyo ngaho cyenyera dukeshe igitaramo
Dukeshe uyu mwaka wacu dukeshe urubyiruko
Ducyeshe ibi byiza bikwiye isi yacu.

Dore isi yose itwibutse bwangu
Tutarandara ngo turangamire ibigoramye
Bigwiza ubugwali bigusha mu rwobo
Rwuzuye amaganya,ngo tuganyire abatugaya;
Bazi ubwiza bw'uru Rwanda rwacu.

Musore nkunda,mwali mwangavu rungano rwanjye;
Ngaragira tugaragaze uru rwego rwacu
Dufatane urunana twulilireho twese twese,
Dore ingazi yarwo igaragiwe natwe twese urubyiruko.

Aliko rero umusore nsaba iyi nama si uyu:
Si wa musore usoreka aho kuziganya ibikorwa
Uziga amaboko ye atazigamye ku lya
Si wa musore usoreka adas orera Leta
Si wa musore usoreka asa n'umusazi,
Si wa musore usoreka assera igicuku
Acucura rubanda asahura igihugu
Ahunga imuhira aharara amahanga
Ahangara gukuramo amahano,
Intaho ye ikaba imiheno n'amasenga
Yisengera ibyago yisabiye,

Igihe asiga abasore bagenzi be basangiye ubusugu;
Maze nyuma agashengererwa
Ashagawe ashengurwa n'ishavu!

Dore umusore nshima nshaka kuvuga:
Ni wa musore usoreka asabana n'abandi bagana umulimo,
Usoreka asabirwa arwana ku rwe n'urw'ejo
Arwogeza mu mahanga ahangana n'amahanga
Ahigana amahanga ubuhanga buhanitse yahashye
mu Rwanda rwacu rwiza rwegamiye ababyeyi.

Wowe wamboneye izuba;ndabona urenga mpinguka
Subiza amaso inyuma usubize ingobyi i mugongo
Uyobore urw'ejo inzira iboneye
Rugane ibyiza byizihiye urubyiruko;
Rubyiruke kigabo rugabe intwali zilimo
"Abali beza,"bizihiye uru Rwanda rw'ejo.

U M W A L I M W I Z A :

Kuba umwali si wa mwoli
Ni wa mwali uzira ikimwaro akaba umukobwa
Ukwiye gukobwa;si wa mukobwa ukura
Akuranye ubukaka,akoba se, akwena nyina
Akwira hilya hino mu kabali
Abaliwe ifaranga limwangaza iyo
Agakesha ijoro yikosha icupa
Agacurama iyo aculitswe n'inzoga;
Agahera ubwo ahara amagara ye n'
Aya rubanda rwose yiyandalika
Yandagaza urwamwibarutse
Atsemba ubwiza buzize umuco wacu
Abiba ubugome mu rubyiruko yimika
Abagome n'abajura mu rw'ejo;
Ali rwo twali dutezeho ishibu.

Dore umukobwa mu kuli kose:
Ni wa mukobwa ukura akuliye iwabo
Ni wa mukobwa ukura gikobwa
Si wa mukobwa ukura bamukoba!

Ni wa mukobwa ukura agakoshwa
Agakoshwa ibyiza byizihiye umukobwa
Ukwiye gushaka;si wa mukobwa ushaka
Ashaka izina ly'ubugore!

Ni wa mukobwa ushaka ineza
K'uwamushatse bagashinga urwabo rushimwa
Na bene hi bashima urubyaro rwabo rwiza
Ruzira urwango rwugama mu milyango yabo
Rwugalira uru Rwanda rw'ejo.

## U R W'EJO...

Urw'ejo tw ese twese abakuru n'abato
Tugwize ubupfura n'urugwiro
Dukengeze umuco mwiza, duce
Uyu murage mubi w'ababyeyi bamwe ngo:
"Uwo ukunda abyare, n'uwo wanga abyare"
Uvuka mu kunanirana kw '"abana"
No kunanirwa kwa bamwe mu babyeyi
Twe tugororoke, tugororane inzira ikigendwa.

## R E R A M U B Y E Y I

Dore mubyeyi kurera neza bituma umubyeyi
Abyirura ubwirwa akwumva
Bigatuma umwana atera ubwuzu
Ntabe ruvumwa umwe bita icyohe n'icyomanzi.

Ubu hadutse igitotsi mu rubyiruko
Gitokoza gituka izina umubyeyi
Ngo ubyaye wese ni"umubyeyi"
Kandi rwose haliho ubyara ababaye
Ndetse ababaje n'imbaga nyamwinshi;
Irorere nawe nk'uyu mwali
Umwara amwenyera abo yita inshuti
Nyamara bo rwose bamulirora bamuseka ubupfu;
Agasama iyo nda bamuha amenyo,
Yikemanga y'uko atwite, akiha intego yo kuyibyaza idasohoye;
Ngo asubire yitwe isugi mu bandi bali!

Reba nawe iyo ngyi umwana amarana mu nda
Amezi icyenda; aboshwe, ngo yibohore izina kubyara
Urwo ruhinja rugize Rurema rugeze imusozi,
Rugatangalirwa ibi by'igitero
Ndetse na nyina ubwe atarwifuza,
Uretse gutinya Leta yiherereye yaruta.

Ubwo rugaheba impuhwe n'impundu za kibyeyi
Kandi rwose amalira yarwo ali zo yasabaga
Nyirukubyara akarera yanga aho kurera akararuka
Akaroroga araramiye abo yita abakiliye be(client)
Nyamara rwose ali ba kiliyeli
Dore ko badukanye indamutso yakizungura-muco
Ngo ni kizungu (baiser)ikazungura gira so;
Bagasomasomana basobekeranye n'uw o musore
Umusobekeranya ubulyalya bwinshi bumutesha kurera;
Wa mwana akarerwa bupfubyi n'umugiraneza
Ali we mubyeyi nyakubyara.

UKO BILI KOSE UMWANA AGAKURA AKURURUKA
umutima utera nta mutuzo
Akabura uwamuhumuliza.

Yabalirwa uwitiliwe nyina,
Ubwo aje avuye iyo migi yose
Asamye,(undi mwana)asama isazi zikamucika,
Umwana ati:"Ese mawe ~~mi~~ rwose dawe ni nde?"
Ngo mugane muganyire ibyanjye!

Nyina gito yatetorwa
Akamutuka iyo nzira yayobotse
Ngo:"Arakabuyera abure iyo akwirwa!"
Niba mbeshya ngaho mbwira nawe rwose
Ko uwo akwiye izina "Umubyeyi?!"

Ndasaba nkomeje muntu wese ufite uruvugiro
Ukaba uzi kuvuga;ngusabye nkomeje vugira ibiragi
Yewe muntu ufite imbone nzima,
Yobora izi mpumyi zilindagira
Uzigeze ibuzima zihumuke,
Zirore neza zikore ibyiza !

Muganga we wize ibi by'ubuvuzi
Vura izi ndwara zili mu ubujiji!

Muhanga wahangahanzwemo ubuhanga n'Iyaduhanze
Hera none uhangahange mu rw'ejo umuco gakondo
Urw'ejo tuwukebye dukeye dukeze kuli gihanga
Ducyure amaronko turonkere urw'ejo!

Dore ubu mvugana amanga n'amaganya menshi m
Mu by'ukuli rwose si umutako ntaka u Rwanda,
Si n'urubwa ntera uyu ungana nanjye
Simpanura by'abahanuzi;
Si n'ubuhanga mpanze rwos e ,
Rwose ni ibintu mbyirutse mpanga amaso ndora ngatinya!

Ubu ndondogora ntya ndi ikibondo
N'uko rwos e ndafite ikindi nakores hu
Ngo ndamire iyi mbaga!

Ni wowe nganyiye we mubyeyi ,
Nguhebeye rwose kurera "nabi".

Kurera nabi rwose ni uguhamba ubona!
Mbere mubyeyi ,uwo utabataba iyo;
Niyitaburura iyo wamutabitse uzajya hehe?!
Ko azaza buzimu ubuzima yarabuzinutswe
Akakwitura atitwa izina w amwise ali mahama
N'uyu gisare (indakoreka)
Wowe wamubyaye utakimubwiye ko wamwonkeje ukamuheka!

Ducire mukuli wowe ubyaye ukarera utyo;
Icyo waba urusha igikoko!

Ko ibikoko biherukana na nyina bikiyili mu nda,
Yabigeza imus ozi indahiro ikava aho,
Guca nyina ilyera biragatabwa,
Bigasama isazi,umubu n'utunyugunyugu
Bigas oreka bisobekeranya imishoha
Umujinya mwinshi,bishihana umushiha ibyo birura
Byene wabo ndetse n'abantu biciye ilyora;
Bibatemagurana ubugoma byagabiwe
Na nyagishya nyina iyo.

Cyo ngaho mbwira nawe ko ubwo burere
Bukwiye ikiremwa nkatwe?

Ingero ni nyinshi;dore ubu mu basore benshi
Umubare munini ntawe ucyubaha uw'o arusha ingufu
Kimwe n'ibikoko!

Nkibaza niba urw'ejo icyo kinyabupfura;kizadupfunya?!

## IGICE CYA KABILI:URW'EJO RWUJE IMIHIGO...

### U R W ' E J O ...

Ndate urw'ejo rutijanwa ubujiji bwajaliwe bujishwe
Izo ntiganda mu kugoyoza abagaya umulimo;
Ingw iza murongo zakwiliye imishwaro.

Muze ntwali z'uru Rwanda,
Mw e kuganira tugane ibuganwa
Tugane iyi ngoro-ngali yacu y'ubutaka
Dutakambire Agoronome na Moniteri n'Animateri
Duterane inkunga duteraniye hamwe
Mu mashyirahamwe,dus hyike ku bigega,tugaragaze ubugabo
Tugabulirw e tugabure,
Dukarage ibondo dukaraga isuka
Dufate ubutaka bwacu neza
Tubutabare icyago isuli izana ubutayu
Ubutaka bwacu butwiture;
Buhoze abana kucura intimba.

Wowe rubyiruko ubyirutse i Rwanda;
Ndanguruye ali wowe ndamira
Ngo turengere urw'ejo,
Ngirango twugalire iki cyago cy'inzara
Yamamaye umugabane wacu w'Afrika;
Tuyamururure mu Rwanda rwacu yanduruke burundu!

Bene date bene mama
Muhaguruke tureke ubute butiha,
Bitababeshya muli makeya dore imihunga muzi mwese
Yahunze ishyamba,
Dore ubu lirangwa n'uru rwimo
Rw'uru rwili rwiliza ubusa;
Dore amahanga yaratamaye k'ubw'ubutayu bwayatashye;
None ko amayaga yacu muzi mwese yayaze murora,
Mwe ko muyagara murayagara mugana hehe?!

Ko n'amahanga muhanze amaso ahangalikijw e
N'icyo cyago cy'iyo ntindi y'inzara ndende,
Izanwa n'izo ngeruza-byiza z'inzererezi zireka gukora.

Si imhalirano ingalisi iyo mu rahanga zihababaliye
Zisaga amagana menshi ya miliyono.

Kuko icyo cyago cy'inzara kiliza umuntu uwo ali wè wese!
Kigira umwana uyu w'ikibondo kikandurura!
Kigira umusore uyu wo gusabirwa kikamusoa oramo imisokoro
Agasogobera agasamba ibi byo guhambwa
Kigeruza umugabo ubugabe n'ubugabo kikamugalika!
Kiyagisha umubyeyi umwanzi utamuha amazi buzi
Kikamugabiza ubusabusa imbere y'urubyaro rwo rumwasamiye!
Gituma umukungu akora amakungu agakuga ibye ntaho byigeze biba!
Kigira umutindi indira gutumba atagira inkanda!

Icyo cyago cy'inzara n'amapfa,ubu gipfukiranye Afrika yose
Tugipfapfanye tutipfobya,iwacu i Rwanda
Murakibalirwe ntimukakibone gisa n'umuvumo/

Twe twivumure tugane ibishanga dushis hikaye
Tukizimane ingoyi idacika
Tukibohoshe imilya y'abasore bacu b'intarumikwa
Tucyugalize inzitiro nyinshi
Tukimeneshe inzira iza iwacu
Tukimeneshe imboni ibigega byinshi byuje iyabo
Amaganya menshi ashire mu magana.

Yewe mwana musore mwali mwiza
Nyunganira tw unganire urwacu rw'ejo
Dufatanye uru rugendo rwacu rwiza rwegamiye
Uru rwego rwacu rwegamiye isi yose
Dufatishe yombi iyi ntwaro yacu y'abakurambere(isuka)
Batabaranye ikanesha ingamba nyinshi
Twifashishe iyi ngabo yacu itamenwa
Tugwize amashyamba dutabare urwacu rw'ejo
Icyago ubutayu butatira iyo nzigo y'inzara
Ubutayu tububones he inzira ijya i Sahara
Sahara tuyitabare tudatamaye
Ngo dutamaze urwacu rw'ejo.

URW'EJO

Urw'ejo si urubwa si urwango si urwimo
Ni uru rubyaro rwacu rw'ejo turangamiye
Ko uru rugamba rwo kurera ubu ruremye
Ruremereye;rugabwe nande,rurwanye bande?!
Ni wow e mubyeyi!...
Mubyeyi rwasem urw'ejo si izi nzingo
N'izi nyanda zandagaye isi!
Rugira yagize ati:"Tegeka isi"
Yitegeke utegere urw'ejo ubuzima bwiza,
Basogukuruza baturandase mu nzira y'icurabulindi
None umucyo waraje turahumuka;
Wowe ugifite igihu mu masom yoboza impuguke
Iwacu i Rwanda ONAPO yaje kuduhumura
Ntiyaje guhumanya ingo z'abashakanye!
Yaje ishaka uburere bwiza igira iti:
"Byara uko ushaka aliko ushoboye kurera"
Niba utihaza,wihaliza ku magara y'abo bana ubyara
Wanika ku gasi bazadabagazwa n'umudali!
Yaje yanga inzingo zizengereza umubyeyi!
Yanga inzara izaza izambya imbaga ya muntu
Yanga ubujiji bujujubya ikiremwa muntu.

Muntu ukili mu mwijima uhinyura kwiga ngo ujijuke
Zilikana ibi biragi n'ibi bihuli byahulilijwe
Bikamenya gusoma kubara,
Dore ubu rwose n'impumyi zisomesha umutima ntizititimire
Rw ose va muli icyo gico cy'ubujiji
Ushyire mu gaciro ubere urw'ejo urumuli

## UBURERE BURERA BUTAREREGA URW'EJO

### MUBYEYI !!!...

Mubyeyi rwose rera uwo mwana
Urekae kuganya uvuga ngo:"IMMana ni ko yagututse",
Gorora umwana akili mutoya mu kuli kose
Nsi ko i Gatagara bagorora ibirema
Kugorora ubuzima ni byo bikomeye!

Mugorore,mugorore nararama akagararamba
Umureke avunike rwose umuvuze avuza iyabahanda ati:
"Mawe dawendwanaho ndatamaye;
Ab'ikirema kiremye umutima utatse imbabazi
Utakambire barumuna be,ababulire bahurwe iyo nzira
Yanyuze imugaza:
-Bareke urugomo
-Uburara
-Uburaya
-Ubusambo
-Ubugande n'ubugome.

Dore umubyeyi wacu adufatiye ilyo bulyo
Ibi bigo ngorora-muco yubaka iteka
ubutaruhuka agahora ahoza ubutitsa
Aba basore be nshi balimo abali n'aba bagabo
Bizereza,agorora imitima yabo ubutaruhuka
Ati:"Bana banjye,bana b'u Rwanda;
U Rwanda rwacu ruzazamurwa n'amaboko y'abana barwo"
Akabagorora ntawe avunnye igufwa
Akabatoza gukora imilimo yose
Mu kinyabupfura kizira ipfunwe;
Wowe mubyeyi rwose ko ubwo bubasha wabuhawe na Rurema,
Wagoroye uw o mwana ko igiti kigororwa kikili gito
Izo miliyoni zigorora abasore,zikagoboka
Izi mpfubyi zilira iteka nta kivulira!

Mubyeyi rwose rera uwo mwana
Maze urore ibyo byiza ngo birazimagiza u Rwanda
Murere rwose,yewe nagimbuka umurereshe
Izi nderabarezi zazobereye mu by'ubuhanga
Ziduhangire urw"ejo rwuje ubwuzu ruzi ubwenge.

## URW'EJO

Urw'ejo rwagira amarembo
Rwugururwe rugendwe
Rwizihirwe ruberwe
Tuzarurage tutarugaya ubuswa n'ubusembwa
Turuyobore inzira itayobya uyigana
Bagane ishuli bige byinshi
Iby'ibanze bibe ibyo kuzarera ababo buntu
Ali bwo burere bwiza nsaba umubyeyi
Bige byins hi: -Utamenya gcura acurange
-Utamenye kudoda abe umuderevu
-Utazi guhimba ngo ahange,
-Ahinge yeze ahunike
-Abone uko abenda ijoro;
Utaminuje iyo mu mashuli ya kaminuza
Yige imyuga:
-Yubake
-Abaze
-Yorore
Ejo ataroroga arora ibumusiga.

## URW'EJO

Urw'ejo twiyereke twidagadure tudamaraye
Twivuge batuvuga ibigwi batulilimba
Dutere ishyengo dutaka u Rwanda rwacu
Amahoro n'ubumwe turusha abandi;
Bibere umukindo u Rwanda rwacu
Rusumbye ubwiza zahabu na diyama,
Intego yacu ibe indangamirwa ku isi yose
Twe dore amahirwe turusha abandi
Dore twe tuvutse mu gihe gituje ituze
Ntawe utuvutsa ibili ibyacu;
Tugororwe yewe tugororoke
Tugororane inzira itarasiba ngo izimize urw'ejo
Nyuma ruzahabire mu nyanja yuje umuvumo.

Muze dushakire hasi kubura hejuru
Uburere bukwiye abarerwa bacu
Nabo bazabyare abana beza
Aho kubyara ibirura n'ibirara biroroga bukoko!

Nguyu murage mbasabiye Rurema
Muzabyare buntu mucutse kibyeyi
Dutsembe urwango u Rwanda rw'ejo n'ejobundi
Ruzire imiziro n'amazina gito nka:
-NTAHONTUYE
-NTAMARERERO
-NTAMPUHWE
-NTARWANDA na NDIYUNZE.

Twe twiyunge twunganira urw'ejo
Twunge ubumwe ubuhoro buhinde
Duture dutuze urw'ejo mu mahoro;
Ijabiro kwa Jambo.

Uyu muvugo mwawugezwagaho na:
BIRAGUMA Augustin
Secteur BUHORO
Commune GATARE
C Y A N G U G U

UMUVUGO: U R W'E J O

N° Classt

Ndengera mubyeyi ndengere urw'ejo.
Mubyeyi wambyaye mubyeyi wabyaye
Cyo mbwiliza ibyiza byizihiye urubyaro
Rwiza rwizihiye uru Rwanda rw'ejo;
Ejo rutajaja rujajaba ruzize ubujiji.

Ni wowe ntakamba ntakira wowe wantanze i RWANDA
Ndangaje imbere ali wowe ndeba
Ndengera rwose ndengere urw'ejo.

Dore ubu bucyeye bucyanye ayandi
Imyaka yakyeje kera none ucyuye
Uwacu:-Umwaka wizihiye uruhinja
-Umwaka wizihiye umubyeyi
-Umwaka wizihiye urubyiruko.

Izibika zali amagi ni wowe ubwirwa
Wowe musore usoretse nawe mwali mwiza
Wizihiye uyu mwaka wacu.

Cyo ngaho cyenyera dukeshe igitaramo
Dukeshe uyu mwaka wacu dukeshe urubyiruko
Ducyeshe ibi byiza bikwiye isi yacu.

Dore isi yose itwibutse bwangu
Tutarangara ngo turangamire ibigoramye
Bigwiza ubugwali bigusha mu rwobo
Rwuzuye amaganya, ngo tuganyire abatugaya;
Bazi ubwiza bw'uru Rwanda rwacu.

Musore nkunda, mwali mwangavu rungano rwanjye;
Ngaragira tugaragaze uru rwego rwacu
Dufatane urunana twulilireho twese twese,
Dore ingazi yarwo igaragiwe natwe twese urubyiruko.

Aliko rero umusore nsaba iyi nama si uyu:
Si wa musore usoreka aho kuziganya ibikorwa
Uziga amaboko ye atazigamye ku lya
Si wa musore usoreka adas orera Leta
Si wa musore usoreka asa n'umusazi,
Si wa musore usoreka asesera igicuku
Acucura rubanda asahura igihugu
Ahunga imuhira aharara amahanga
Ahangara gukuramo amahano,
Intaho ye ikaba imiheno n'amasenga
Yisengera ibyago yisabiye,

Igihe asiga abasore bagenzi be basangiye ubusugu;
Maze nyuma agashengererwa
Ashagawe ashengurwa n'ishavu!

Dore umusore nshima nshaka kuvuga:
Ni wa musore usoreka asabana n'abandi bagana umulimo,
Usoreka asabirwa arwana ku rwe n'urw'ejo
Arwogeza mu mahanga ahangana n'amahanga
Ahigana amahanga ubuhanga buhanitse yahashye
mu Rwanda rwacu rwiza rwegamiye ababyeyi.

Wowe wamboneye izuba;ndabona urenga mpinguka
Subiza amaso inyuma usubize ingobyi i mugongo
Uyobore urw'ejo inzira iboneye
Rugane ibyiza byizihiye urubyiruko;
Rubyiruke kigabo rugabe intwali zilimo
"Abali beza,"bizihiye uru Rwanda rw'ejo.

U M W A L I M W I Z A :

Kuba umwali si wa mwoli
Ni wa mwali uzira ikimwaro akaba umukobwa
Ukwiye gukobwa;si wa mukobwa ukura
Akuranye ubukaka,akoba se,akwena nyina
Akwira hilya hino mu kabali
Abaliwe ifaranga limwangaza iyo
Agakesha ijoro yikosha icupa
Agacurama iyo aculitswe n'inzoga;
Agahera ubwo ahara amagara ye n'
Aya rubanda rwose yiyandalika
Yandagaza urwamwibarutse
Atsemba ubwiza buzize umuco wacu
Abiba ubugome mu rubyiruko yimika
Abagome n'abajura mu rw'ejo;
Ali rwo twali dutezeho ishibu.

Dore umukobwa mu kuli kose:
Ni wa mukobwa ukura akuliye iwabo
Ni wa mukobwa ukura gikobwa
Si wa mukobwa ukura bamukoba!

Ni wa mukobwa ukura agakoshwa
Agakoshwa ibyiza byizihiye umukobwa
Ukwiye gushaka;si wa mukobwa ushaka
Ashaka izina ly'ubugore!

Ni wa mukobwa ushaka ineza
K'uwamushatse bagashinga urwabo rushimwa
Na bene hi bashima urubyaro rwabo rwiza
Ruzira urwango rwugama mu milyango yabo
Rwugalira uru Rwanda rw'ejo.

U R W'EJO...

Urw'ejo tw ese twese abakuru n'abato
Tugwize ubupfura n'urugwiro
Dukengeze umuco mwiza, duce
Uyu murage mubi w'ababyeyi bamwe ngo:
"Uwo ukunda abyare, n'uwo wanga abyare"
Uvuka mu kunanirana kw '"abana"
No kunanirwa kwa bamwe mu babyeyi
Twe tugororoke, tugororane inzira ikigendwa.

R E R A M U B Y E Y I

Dore mubyeyi kurera neza bituma umubyeyi
Abyirura ubwirwa akwumva
Bigatuma umwana atera ubwuzu
Ntabe ruvumwa umwe bita icyohe n'icyomanzi.

Ubu hadutse igitotsi mu rubyiruko
Gitokoza gituka izina umubyeyi
Ngo ubyaye wese ni"umubyeyi"
Kandi rwose haliho ubyara ababaye
Ndetse ababaje n'imbaga nyamwinshi;
Irorere nawe nk'uyu mwali
Umwara amwenyera abo yita inshuti
Nyamara bo rwose bamulirora bamuseka ubupfu;
Agasama iyo nda bamuha amenyo,
Yikemanga y'uko atwite, akiha intego yo kuyibyaza idasohoye;
Ngo asubire yitwe isugi mu bandi bali!

Reba nawe iyo ngyi umwana amarana mu nda
Amezi icyenda; aboshwe, ngo yibohore izina kubyara
Urwo ruhinja rugize Rurema rugeze imusozi,
Rugatangalirwa ibi by'igitero
Ndetse na nyina ubwe atarwifuza,
Uretse gutinya Leta yihereyeye yaruta.

Ubwo rugaheba impuhwe n'impundu za kibyeyi
Kandi rwose amalira yarwo ali zo yasabaga
Nyirukubyara akarera yanga aho kurera akararuka
Akaroroga araramiye abo yita abakiliye be(client)
Nyamara rwose ali ba kiliyeli
Dore ko badukanye indamutso yakizungura-muco
Ngo ni kizungu (baiser)ikazungura gira so;
Bagasomasomana basobekeranye n'uw o musore
Umusobekeranya ubulyalya bwinshi bumutesha kurera;
Wa mwana akarerwa bupfubyi n'umugiraneza
Ali we mubyeyi nyakubyara.

UKO BILI KOSE UMWANA AGAKURA AKURURUKA
umutima utera nta mutuzo
Akabura uwamuhumuliza.

Yabalirwa uwitiliwe nyina,
Ubwo aje avuye iyo migi yose
Asamye,(undi mwana)asama isazi zikamucika,
Umwana ati:"Ese mawe mx rwose dawe ni nde?"
Ngo mugane muganyire ibyanjye!

Nyina gito yatetorwa
Akamutukm iyo nzira yayobotse
Ngo:"Arakabuyera abure iyo akwirwa!"
Niba mbeshya ngaho mbwira nawe rwose
Ko uwo akwiye izina "Umubyeyi?!"

Ndasaba nkomeje muntu wese ufite uruvugiro
Ukaba uzi kuvuga;ngusabye nkomeje vugira ibiragi
Yewe muntu ufite imbone nzima,
Yobora izi mpumyi zilindagira
Uzigeze ibuzima zihumuke,x
Zirore neza zikore ibyiza !

Muganga we wize ibi by'ubuvuzi
Vura izi ndwara zili mu ubujiji!

Muhanga wahangahanzwemo ubuhanga n'Iyaduhanze
Hera none uhangahange mu rw'ejo umuco gakondo
Urw'ejo tuwukebye dukeye dukeze kuli gihanga
Ducyure amaronko turonkere urw'ejo!

Dore ubu mvugana amanga n'amaganya menshi m
Mu by'ukuli rwose si umutako ntaka u Rwanda,
Si n'urubwa ntera uyu ungana nanjye
Simpanura by'abahanuzi;
Si n'ubuhanga mpanze rwos e ,
Rwose ni ibintu mbyirutse mpanga amaso ndora ngatinya!

Ubu ndondogora ntya ndi ikibondo
N'uko rwos e ndafite ikindi nakores hu
Ngo ndamire iyi mbaga!

Ni wowe nganyiye we mubyeyi ,
Nguhebeye rwose kurera "nabi".

Kurera nabi rwosex ni uguhamba ubona!
Mbere mubyeyi ,uwo utabataba iyo;
Niyitaburura iyo wamutabitse uzajya hehe?!
Ko azaza buzimu ubuzima yarabuzinutswe
Akakwitura atitwa izina w amwise ali mahama
N'uyu gisare (indakoreka)
Wowe wamubyaye utakimubwiye ko wamwonkeje ukamuheka!

Ducire mukuli wowe ubyaye ukarera utyo;
Icyo waba urusha igikoko!

Ko ibikoko biherukana na nyina bikiyili mu nda,
Yabigeza imus ozi indahiro ikava aho,
Guca nyina ilyera biragatabwa,
Bigasama isazi,umubu n'utunyugunyugu
Bigas oreka bisobekeranya imishoha
Umujinya mwinshi,bishihana umushiha ibyo birura
Byene wabo ndetse n'abantu biciye ilyera;
Bibatemagurana ubugoma byagabiwe
Na nyagishya nyina iyo.

Cyo ngaho mbwira nawe ko ubwo burere
Bukwiye ikiremwa nkatwe?

Ingero ni nyinshi;dore ubu mu basore benshi
Umubare munini ntawe ucyubahana uw'o arusha ingufu
Kimwo n'ibikoko!

Nkibaza niba urw'ejo icyo kinyabupfura;kizadupfunya?!

## IGICE CYA KABILI:URW'EJO RWUJE IMIHIGO...

### U R W ' E J O ...

Ndate urw'ejo rutijanwa ubujiji bwajaliwe bujishwe
Izo ntiganda mu kugoyoza abagaya umulimo;
Ingw iza murongo zakwiliye imishwaro.

Muze ntwali z'uru Rwanda,
Mw e kuganira tugane ibuganwa
Tugane iyi ngoro-ngali yacu y'ubutaka
Dutakambire Agoronome na Moniteri n'Animateri
Duterane inkunga duteraniye hamwe
Mu mashyirahamwe,dus hyike ku bigega,tugaragaze ubugabo
Tugabulirw e tugabure,
Dukarage ibondo dukaraga isuka
Dufate ubutaka bwacu neza
Tubutabare icyago isuli izana ubutayu
Ubutaka bwacu butwiture;
Buhoze abana kucura intimba.

Wowe rubyiruko ubyirutse i Rwanda;
Ndanguruye ali wowe ndamira
Ngo turengere urw'ejo,
Ngirango twugalire iki cyago cy'inzara
Yamamaye umugabane wacu w'Afrika;
Tuyamururure mu Rwanda rwacu yanduruke burundu!

Bene date bene mama
Muhaguruke tureke ubute butiha;
Bitababeshya muli makeya dore imihunga muzi mwese
Yahunze ishyamba,
Dore ubu lirangwa n'uru rwimo
Rw'uru rwili rwiliza ubusa;
Dore amahanga yaratamaye k'ubw'ubutayu bwayatashye;
None ko amayaga yacu muzi mwese yayaze murora,
Mwe ko muyagara murayagara mugana hehe?!

Ko n'amahanga muhanze amaso ahangalikijw e
N'icyo cyago cy'iyo ntindi y'inzara ndende,
Izanwa n'izo ngeruza-byiza z'inzererezi zireka gukora.

Si imhalirano ingalisi iyo mu rahanga zihababaliye
Zisaga amagana menshi ya miliyono.

Kuko icyo cyago cy'inzara kiliza umuntu uwo ali wè wese!
Kigira umwana uyu w'ikibondo kikandurura!
Kigira umusore uyu wo gusabirwa kikamusoa oramo imisokoro
Agasogobera agasamba ibi byo guhambwa
Kigeruza umugabo ubugabe n'ubugabo kikamugalika!
Kiyagisha umubyeyi umwanzi utamuha amazi buzi
Kikamugabuza ubusabusa imbere y'urubyaro rwo rumwasamiye!
Gituma umukungu akora amakungu agakuga ibye ntaho byigeze biba!
Kigira umutindi indira gutumba atagira inkanda!

Icyo cyago cy'inzara n'amapfa,ubu gipfukiranye Afrika yose
Tugipfapfanye tutipfobya,iwacu i Rwanda
Murakibalirwe ntimukakibone gisa n'umuvumo/

Twe twivumure tugane ibishanga dushâs hikaye
Tukizimane ingoyi idacika
Tukibohoshe imilya y'abasore bacu b'intarumikwa
Tucyugalize inzitiro nyinshi
Tukimeneshe inzira iza iwacu
Tukimeneshe imboni ibigega byinshi byuje iyabo
Amaganya menshi ashire mu magana.

Yewe mwana musore mwali mwiza
Nyunganira tw unganire urwacu rw'ejo
Dufatanye uru rugendo rwacu rwiza rwegamiye
Uru rwego rwacu rwegamiye isi yose
Dufatishe yombi iyi ntwaro yacu y'abakurambere(isuka)
Batabaranye ikanesha ingamba nyinshi
Twifashishe iyi ngabo yacu itamenwa
Tugwize amashyamba dutabare urwacu rw'ejo
Icyago ubutayu butatira iyo nzigo y'inzara
Ubutayu tububones he inzira ijya i Sahara
Sahara tuyitabare tudatamaye
Ngo dutamaze urwacu rw'ejo.

URW'EJO

Urw'ejo si urubwa si urwango si urwimo
Ni uru rubyaro rwacu rw'ejo turangamiye
Ko uru rugamba rwo kurera ubu ruremye
Ruremereye;rugabwe nande,rurwanye bande?!
Ni wow e mubyeyi!...
Mubyeyi rwasez urw'ejo si izi nzingo
N'izi nyanda zandagaye isi!
Rugira yagize ati:"Tegeka isi"
Yitegeke utegere urw'ejo ubuzima bwiza,
Basogokuruza baturandase mu nzira y'icurabulindi
None umucyo waraje turahumuka;
Wowe ugifite igihu mu masoa yoboza impuguke
Iwacu i Rwanda ONAPO yaje kuduhumura
Ntiyaje guhumanya ingo z'abashakanye!
Yaje ishaka uburere bwiza igira iti:
"Byara uko ushaka aliko ushoboye kurera"
Niba utihaza,wihaliza ku magara y'abo bana ubyara
Wanika ku gasi bazadabagazwa n'umudali!
Yaje yanga inzingo zizengereza umubyeyi!
Yanga inzara izaza izambya imbaga ya muntu
Yanga ubujiji bujujubya ikiremwa muntu.

Muntu ukili mu mwijima uhinyura kwiga ngo ujijuke
Zilikana ibi biragi n'ibi bihuli byahulilijwe
Bikamenya gusoma kubara,
Dore ubu rwose n'impumyi zisomesha umutima ntizititimire
Rw ose va muli icyo gico cy'ubujiji
Ushyire mu gaciro ubere urw'ejo urumuli

## UBURERE BURERA BUTARERERGA URW'EJO

### MUBYEYI !!!...

Mubyeyi rwose rera uwo mwana
Urekae kuganya uvuga ngo:"IMMana ni ko yagututse",
Gorora umwana akili mutoya mu kuli kose
Nsi ko i Gatagara bagorora ibirema
Kugorora ubuzima ni byo bikomeye!

Mugorore,mugorore nararama akagararamba
Umureke avunike rwose umuvuze avuza iyabahanda ati:
"Mawe dawendwanaho ndatamaye;
Ab'ikirema kiremye umutima utatse imbabazi
Utakambire barumuna be,ababulire bahurwe iyo nzira
Yanyuze imugaza:
-Bareke urugomo
-Uburara
-Uburaya
-Ubusambo
-Ubugande n'ubugome.

Dore umubyeyi wacu adufatiye ilyo ibulyo
Ibi bigo ngorora-muco yubaka iteka
ubutaruhuka agahora ahoza ubutitsa
Aba basore be nshi balimo abali n'aba bagabo
Bizereza agorora imitima yabo ubutaruhuka
Ati:"Bana banjye,bana b'u Rwanda;

U Rwanda rwacu ruzazamurwa n'amaboko y'abana barwo"
Akabagorora ntawe avunnye igufwa
Akabatoza gukora imilimo yose
Mu kinyabupfura kizira ipfunwe;
Wowe mubyeyi rwose ko ubwo bubasha wabuhawe na Rurema,
Wagoroye uw o mwana ko igiti kigororwa kikili gito
Izo miliyoni zigorora abasore,zikagoboka
Izi mpfubyi zilira iteka nta kivulira!

Mubyeyi rwose rera uwo mwana
Maze urore ibyo byiza ngo birazimagiza u Rwanda
Murere rwose,yewe nagimbuka umurereshe
Izi nderabarezi zazobereye mu by'ubuhanga
Ziduhangire urw'ejo rwuje ubwuzu ruzi ubwenge.

## URW'EJO

Urw'ejo rwagira amarembo
Rwugururwe rugendwe
Rwizihirwe ruberwe
Tuzarurage tutarugaya ubuswa n'ubusembwa
Turuyobore inzira itayobya uyigana
Bagane ishuli bige byinshi
Iby'ibanze bibe ibyo kuzarera ababo buntu
Ali bwo burere bwiza nsaba umubyeyi
Bige byins hi:
-Utamenya gcura acurange
-Utamenye kudoda abe umuderevu
-Utazi guhimba ngo ahange,
-Ahinge yeze ahunike
-Abone uko ahenda ijoro;
Utaminuje iyo mu mashuli ya kaminuza
Yige imyuga:
-Yubake
-Abaze
-Yorore
Ejo ataroroga arora ibumusiga.

## URW'EJO

Urw'ejo twiyereke twidagadure tudamaraye
Twivuge batuvuga ibigwi batulililimba
Dutere ishyengo dutaka u Rwanda rwacu
Amahoro n'ubumwe turusha abandi;
Bibere umukindo u Rwanda rwacu
Rusumbye ubwiza Zahabu na diyama,
Intego yacu ibe indangamirwa ku isi yose
Twe dore amahirwe turusha abandi
Dore twe tuvutse mu gihe gituje ituze
Ntawe utuvutsa ibili ibyacu;
Tugororwe yewe tugororoke
Tugororane inzira itarasiba ngo izimize urw'ejo
Nyuma ruzahabire mu nyanja yuje umuvumo.

Muze dushakire hasi kubura hejuru
Uburere bukwiye abarerwa bacu
Nabo bazabyare abana beza
Aho kubyara ibirura n'ibirara biroroga bukoko!

Nguyu murage mbasabiye Rurema
Muzabyare buntu mucutse kibyeyi
Dutsembe urwango u Rwanda rw'ejo n'ejobundi
Ruzire imiziro n'amazina gito nka:
-NTAHONTUYE
-NTAMARERERO
-NTAMPUHWE
-NTARWANDA na NDIYUNZE.

Twe twiyunge twunganira urw'ejo
Twunge ubumwe ubuhoro buhinde
Duture dutuze urw'ejo mu mahoro;
Ijabiro kwa Jambo.

Uyu muvugo mwawugezwagaho na:
BIRAGUMA Augustin
Secteur BUHORO
Commune GATARE
C Y A N G U G U

UMUVUGO: U R W'E J O

Ndengera mubyeyi ndengere urw'ejo.
Mubyeyi wambyaye mubyeyi wabyaye
Cyo mbwiliza ibyiza byizihiye urubyaro
Rwiza rwizihiye uru Rwanda rw'ejo;
Ejo rutajaja rujajaba ruzize ubujiji.

Ni wowe ntakamba ntakira wowe wantanze i RWANDA
Ndangaje imbere ali wowe ndeba
Ndengera rwose ndengere urw'ejo.

Dore ubu bucyeye bucyanye ayandi
Imyaka yakyeje kera none ucyuye
Uwacu:-Umwaka wizihiye uruhinja
-Umwaka wizihiye umubyeyi
-Umwaka wizihiye urubyiruko.

Izibika zali amagi ni wowe ubwirwa
Wowe musore usoretse nawe mwali mwiza
Wizihiye uyu mwaka wacu.

Cyo ngaho cyenyera dukeshe igitaramo
Dukeshe uyu mwaka wacu dukeshe urubyiruko
Ducyeshe ibi byiza bikwiye isi yacu.

Dore isi yose itwibutse bwangu
Tutarangara ngo turangamire ibigoramye
Bigwiza ubugwali bigusha mu rwobo
Rwuzuye amaganya,ngo tuganyire abatugaya;
Bazi ubwiza bw'uru Rwanda rwacu.

Musore nkunda,mwali mwangavu rungano rwanjye;
Ngaragira tugaragaze uru rwego rwacu
Dufatane urunana twulilireho twese twese,
Dore ingazi yarwo igaragiwe natwe twese urubyiruko.

Aliko rero umusore nsaba iyi nama si uyu:
Si wa musore usoreka aho kuziganya ibikorwa
Uziga amaboko ye atazigamye ku lya
Si wa musore usoreka adas orera Leta
Si wa musore usoreka asa n'umusazi,
Si wa musore usoreka asesera igicuku
Acucura rubanda asahura igihugu
Ahunga imuhira aharara amahanga
Ahangara gukuramo amahano,
Intaho ye ikaba imiheno n'amasenga
Yisengera ibyago yisabiye,

Igihe asiga abasore bagenzi be basangiye ubusugu;
Maze nyuma agashengererwa
Ashagawe ashengurwa n'ishavu!

Dore umusore nshima nshaka kuvuga:
Ni wa musore usoreka asabana n'abandi bagana umulimo,
Usoreka asabirwa arwana ku rwe n'urw'ejo
Arwogeza mu mahanga ahangana n'amahanga
Ahigana amahanga ubuhanga buhanitse yahashye
Mu Rwanda rwacu rwiza rwegamiye ababyeyi.

Wowe wamboneye izuba;ndabona urenga mpinguka
Subiza amaso inyuma usubize ingobyi i mugongo
Uyobore urw'ejo inzira iboneye
Rugane ibyiza byizihiye urubyiruko;
Rubyiruke kigabo rugabe intwali zilimo
"Abali beza,"bizihiye uru Rwanda rw'ejo.

U M W A L I M W I Z A :

Kuba umwali si wa mwoli
Ni wa mwali uzira ikimwaro akaba umukobwa
Ukwiye gukobwa;si wa mukobwa ukura
Akuranye ubukaka,akoba se, akwena nyina
Akwira hirya hino mu kabali
Abaliwe ifaranga limwangaza iyo
Agakesha ijoro yikosha icupa
Agacurama iyo aculitswe n'inzoga;
Agahera ubwo ahara amagara ye n'
Aya rubanda rwose yiyandalika
Yandagaza urwamwibarutse
Atsemba ubwiza buzize umuco wacu
Abiba ubugome mu rubyiruko yimika
Abagome n'abajura mu rw'ejo;
Ali rwo twali dutezeho ishibu.

Dore umukobwa mu kuli kose:
Ni wa mukobwa ukura akuliye iwabo
Ni wa mukobwa ukura gikobwa
Si wa mukobwa ukura bamukoba!

Ni wa mukobwa ukura agakoshwa
Agakoshwa ibyiza byizihiye umukobwa
Ukwiye gushaka;si wa mukobwa ushaka
Ashaka izina ly'ubugore!

Ni wa mukobwa ushaka ineza
K'uwamushatse bagashinga urwabo rushimwa
Na bene hi bashima urubyaro rwabo rwiza
Ruzira urwango rwugama mu milyango yabo
Rwugalira uru Rwanda rw'ejo.

U R W'EJO...

Urw'ejo tw ese twese abakuru n'abato
Tugwize ubupfura n'urugwiro
Dukengeze umuco mwiza, duce
Uyu murage mubi w'ababyeyi bamwe ngo:
"Uwo ukunda abyare, n'uwo wanga abyare"
Uvuka mu kunanirana kw '"abana"
No kunanirwa kwa bamwe mu babyeyi
Twe tugororoke, tugororane inzira ikigendwa!

R E R A M U B Y E Y I

Dore mubyeyi kurera neza bituma umubyeyi
Abyirura ubwirwa akwumva
Bigatuma umwana atera ubwuzu
Ntabe ruvumwa umwe bita icyohe n'icyomanzi.

Ubu hadutse igitotsi mu rubyiruko
Gitokoza gituka izina umubyeyi
Ngo ubyaye wese ni"umubyeyi"
Kandi rwose haliho ubyara ababaye
Ndetse ababaje n'imbaga nyamwinshi;
Irorere nawe nk'uyu mwali
Umwara amwenyera abo yita inshuti
Nyamara bo rwose bamulirora bamuseka ubupfu;
Agasama iyo nda bamuha amenyo,
Yikemanga y'uko atwite, akiha intego yo kuyibyaza idasohoye;
Ngo asubire yitwe isugi mu bandi bali!

Reba nawe iyo ngyi umwana amarana mu nda
Amezi icyenda; aboshwe, ngo yibohore izina kubyara
Urwo ruhinja rugize Rurema rugeze imusozi,
Rugatangalirwa ibi by'igitero
Ndetse na nyina ubwe atarwifuza,
Uretse gutinya Leta yihereye yaruta.

Ubwo rugaheba impuhwe n'impundu za kibyeyi
Kandi rwose amalira yarwo ali zo yasabaga
Nyirukubyara akarera yanga aho kurera akararuka
Akaroroga araramiye abo yita abakiliye be(client)
Nyamara rwose ali ba kiliyeli
Dore ko badukanye indamutso yakizungura-muco
Ngo ni kizungu (baiser)ikazungura gira so;
Bagasomasomana basobekeranye n'uw o musore
Umusobekeranya ubulyalya bwinshi bumutesha kurera;
Wa mwana akarerwa bupfubyi n'umugiraneza
Ali we mubyeyi nyakubyara.

UKO BILI KOSE UMWANA AGAKURA AKURURUKA
umutima utera nta mutuzo
Akabura uwamuhumuliza.

Yabalirwa uwitiliwe nyina,
Ubwo aje avuye iyo migi yose
Asamye,(undi mwana)asama isazi zikamucika,
Umwana ati:"Ese mawe ~~mi~~ rwose dawe ni nde?"
Ngo mugane muganyire ibyanjye!

Nyina gito yatetorwa
Akamutuka iyo nzira yayobotse
Ngo:"Arakabuyera abure iyo akwirwa!"
Niba mbeshya ngaho mbwira nawe rwose
Ko uwo akwiye izina "Umubyeyi?!"

Ndasaba nkomeje muntu wese ufite uruvugiro
Ukaba uzi kuvuga;ngusabye nkomeje vugira ibiragi
Yewe muntu ufite imbone nzima,
Yobora izi mpumyi zilindagira
Uzigeze ibuzima zihumuke,
Zirore neza zikore ibyiza !

Muganga we wize ibi by'ubuvuzi
Vura izi ndwara zili mu ubujiji!

Muhanga wahangahanzwemo ubuhanga n'Iyaduhanze
Hera none uhangahange mu rw'ejo umuco gakondo
Urw'ejo tuwukebye dukeye dukeze kuli gihanga
Ducyure amaronko turonkere urw'ejo!

Dore ubu nvugana amanga n'amaganya menshi m
Mu by'ukuli rwose si umutako ntaka u Rwanda,
Si n'urubwa ntera uyu ungana nanjye
Simpanura by'abahanuzi;
Si n'ubuhanga mpanze rwos e ,
Rwose ni ibintu mbyirutse mpanga amaso ndora ngatinya!

Ubu ndondogora ntya ndi ikibondo
N'uko rwos e ndafite ikindi nakores ha
Ngo ndamire iyi mbaga!

Ni wowe nganyiye we mubyeyi ,
Nguhebeye rwose kurera "nabi"!

Kurera nabi rwose ni uguhamba ubona!
Mbere mubyeyi ,uwo utabataba iyo;
Niyitaburura iyo wamutabitse uzajya hehe?!
Ko azaza buzimu ubuzima yarabuzinutswe
Akakwitura atitwa izina w amwise ali mahama
N'uyu gisare (indakoreka)
Wowe wamubyaye utakimubwiye ko wamwonkeje ukamuheka!

Ducire mukuli wowe ubyaye ukarera utyo;
Icyo waba urusha igikoko!

Ko ibikoko biherukana na nyina bikiyili mu nda,
Yabigeza imus ozi indahiro ikava aho,
Guca nyina ilyera biragatabwa,
Bigasama isazi,umubu n'utunyugunyugu
Bigas oreka bisobekeranya imishoha
Umujinya mwinshi,bishihana umushiha ibyo birura
Byene wabo ndetse n'abantu biciye ilyera;
Bibatemagurana ubugoma byagabiwe
Na nyagishya nyina iyo.

Cyo ngaho mbwira nawe ko ubwo burere
Bukwiye ikiremwa nkatwe?

Ingero ni nyinshi;dore ubu mu basore benshi
Umubare munini ntawe ucyubaha uw'o arusha ingufu
Kimwe n'ibikoko!

Nkibaza niba urw'ejo icyo kinyabupfura;kizadupfunya?!

IGICE CYA KABILI:URW'EJO RWUJE IMIHIGO...

U R W ' E J O ...

Ndate urw'ejo rutijanwa ubujiji bwajaliwe bujishwe
Izo ntiganda mu kugoyoza abagaya umulimo;
Ingw iza murongo zakwiliye imishwaro.

Muze ntwali z'uru Rwanda,
Mw e kuganira tugane ibuganwa
Tugane iyi ngoro-ngali yacu y'ubutaka
Dutakambire Agoronome na Moniteri n'Animateri
Duterane inkunga duteraniye hamwe
Mu mashyirahamwe,dus hyike ku bigega,tugaragaze ubugabo
Tugabulirw e tugabure,
Dukarage ibondo dukaraga isuka
Dufate ubutaka bwacu neza
Tubutabare icyago isuli izana ubutayu
Ubutaka bwacu butwiture;
Buhoze abana gucura intimba.

Wowe rubyiruko ubyirutse i Rwanda;
Ndanguruye ali wowe ndamira
Ngo turengere urw'ejo,
Ngirango twugalire iki cyago cy'inzara
Yamamaye umugabane wacu w'Afrika;
Tuyamururure mu Rwanda rwacu yanduruke burundu!

Bene date bene mama
Muhaguruke tureke ubute butiha,
Bitababeshya muli makeya dore imihunga muzi mwese
Yahunze ishyamba,
Dore ubu lirangwa n'uru rwimo
Rw'uru rwili rwiliza ubusa;
Dore amahanga yaratamaye k'ubw'ubutayu bwayatashye;
None ko amayaga yacu muzi mwese yayaze murora,
Mwe ko muyagara murayagara mugana hehe?!

Ko n'amahanga muhanze amaso ahangalikijw e
N'icyo cyago cy'iyo ntindi y'inzara ndende,
Izanwa n'izo ngeruza-byiza z'inzererezi zireka gukora.

Si imhalirano ingalisi iyo mu rahanga zihababaliye
Zisaga amagana menshi ya miliyono.

Kuko icyo cyago cy'inzara kiliza umuntu uwo ali wè wese!
Kigira umwana uyu w'ikibondo kikandurura!
Kigira umusore uyu wo gusabirwa kikamusos oramo imisokoro
Agasogobera agasamba ibi byo guhambwa
Kigeruza umugabo ubugabe n'ubugabo kikamugalika!
Kiyagisha umubyeyi umwanzi utamuha amazi buzi
Kikamugabuza ubusabusa imbere y'urubyaro rwe rumwasamiye!
Gituma umukungu akora amakungu agakuga ibye ntaho byigeze biba!
Kigira umutindi indira gutumba atagira inkanda!

Icyo cyago cy'inzara n'amapfa,ubu gipfukiranye Afrika yose
Tugipfapfanye tutipfobya,iwacu i Rwanda
Murakibalirwe ntimukakibone gisa n'umuvumo/

Twe twivumure tugane ibishanga dushis hikaye
Tukizimane ingoyi idacika
Tukiboheshe imilya y'abasore bacu b'intarumikwa
Tucyugalize inzitiro nyinshi
Tukimeneshe inzira iza iwacu
Tukimeneshe imboni ibigega byinshi byuje iyabo
Amaganya menshi ashire mu magana.

Yewe mwana musore mwali mwiza
Nyunganira tw unganire urwacu rw'ejo
Dufatanye uru rugendo rwacu rwiza rwegamiye
Uru rwego rwacu rwegamiye isi yose
Dufatishe yombi iyi ntwaro ywacu y'abakurambere(isuka)
Batabaranye ikanesha ingamba nyinshi
Twifashishe iyi ngabo yacu itamenwa
Tugwize amashyamba dutabare urwacu rw'ejo
Icyago ubutayu butatira iyo nzigo y'inzara
Ubutayu tububones he inzira ijya i Sahara
Sahara tuyitabare tudatamaye
Ngo dutamaze urwacu rw'ejo.

## URW'EJO

Urw'ejo si urubwa si urwango si urwimo
Ni uru rubyaro rwacu rw'ejo turangamiye
Ko uru rugamba rwo kurera ubu ruremye
Ruremereye;rugabwe nande,rurwanye bande?!
Ni wow e mubyeyi!...
Mubyeyi rwesex urw'ejo si izi nzingo
N'izi nyanda zandagaye isi!
Rugira yagize ati:"Tegeka isi"
Yitegeke utegere urw'ejo ubuzima bwiza,
Basogukuruza baturandase mu nzira y'iwurabulindi
None umucyo waraje turahumuka;
Wowe ugifite igihu mu masom yoboza impuguke
Iwacu i Rwanda ONAPO yaje kuduhumura
Ntiyaje guhumanya ingo z'abashakanye!
Yaje ishaka uburere bwiza igira iti:
"Byara ukó ushaka aliko ushoboye kurera"
Nibe utihaza,wihaliza ku magara y'abo bana ubyara
Wanika ku gasi bazadabagazwa n'umudali!
Yaje yanga inzingo zizengereza umubyeyi!
Yanga inzara izaza izambya imbaga ya muntu
Yanga ubujiji bujujubya ikiremwa muntu.

Muntu ukili mu mwijima uhinyura kwiga ngo ujijuke
Zilikana ibi biragi n'ibi bihuli byahulilijwe
Bikamenya gusoma kubara,
Dore ubu rwose n'impumyi zisomesha umutima ntizititimire
Rw ose va muli icyo gico cy'ubujiji
Ushyire mu gaciro ubere urw'ejo urumuli

## UBURERE BURERA BUTARERЕGA URW'EJO

### MUBYEYI !!!...

Mubyeyi rwose rera uwo mwana
Urekae kuganya uvuga ngo:"IMMana ni ko yagututse",
Gorora umwana akili mutoya mu kuli kose
Nzi ko i Gatagara bagorora ibirema
Kugorora ubuzima ni byo bikomeye!

Mugorore,mugorore nararama akagararamba
Umureke avunike rwose umuvuze avuza iyabahanda ati:
"Mawe dawendwanaho ndatamaye;
Ab'ikirema kiremye umutima utatse imbabazi
Utakambire barumuna be,ababulire bahurwe iyo nzira
Yanyuze imugaza:
-Bareke urugomo
-Uburara
-Uburaya
-Ubusambo
-Ubugande n'ubugome.

Dore umubyeyi wacu adufatiye ilyo bulyo
Ibi bigo ngorora-muco yubaka iteka
ubutaruhuka agahora ahoza ubutitsa
Aba basore be nshi balimo abali n'aba bagabo
Bizereza agorora imitima yabo ubutaruhuka
Ati: Bana banjye,bana b'u Rwanda;

U Rwanda rwacu ruzazamurwa n'amaboko y'abana barwo"
Akabagorora ntawe avunnye igufwa
Akabatoza gukora imilimo yose
Mu kinyabupfura kizira ipfunwe;
Wowe mubyeyi rwose ko ubwo bubasha wabuhawe na Rurema,
Wagoroye uw o mwana ko igiti kigororwa kikili gito
Izo miliyoni zigorora abasore,zikagoboka
Izi mpfubyi zilira iteka nta kivulira!

Mubyeyi rwose rera uwo mwana
Maze urore ibyo byiza ngo birazimagiza u Rwanda
Murere rwose,yewe nagimbuka umurereshe
Izi nderabarezi zazobereye mu by'ubuhanga
Ziduhangire urw"ejo rwuje ubwuzu ruzi ubwenge.

## URW'EJO

Urw'ejo rwagira amarembo
Rwugururwe rugendwe
Rwizihirwe ruberwe
Tuzarurage tutarugaya ubuswa n'ubusembwa
Turuyobore inzira itayobya uyigana
Bagane ishuli bige byinshi
Iby'ibanze bibe ibyo kuzarera ababo buntu
Ali bwo burere bwiza nsaba umubyeyi
Bige byins hi:
-Utamenya gcura acurange
-Utamenye kudoda aba umuderevu
-Utazi guhimba ngo ahange,
-Ahinge yeze ahunike
-Abone uko ahenda ijoro;
Utaminuje iyo mu mashuli ya kaminuza
Yige imyuga:
-Yubake
-Abaze
-Yorore
Ejo ataroroga arora ibumusiga.

## URW'EJO

Urw'ejo twiyereke twidagadure tudamaraye
Twivuge batuvuga ibigwi batulilimba
Dutere ishyengo dutaka u Rwanda rwacu
Amahoro n'ubumwe turusha abandi;
Bibere umukindo u Rwanda rwacu
Rusumbye ubwiza Zahabu na diyama,
Intego yacu ibe indangamirwa ku isi yose
Twe dore amahirwe turusha abandi
Dore twe tuvutse mu gihe gituje ituze
Ntawe utuvutsa ibili ibyacu;
Tugororwe yewe tugororoke
Tugororane inzira itarasiba ngo izimize urw'ejo
Nyuma ruzahabire mu nyanja yuje umuvumo.

Muze dushakire hasi kubura hejuru
Uburere bukwiye abarerwa bacu
Nabo bazabyare abana beza
Aho kubyara ibirura n'ibirara biroroga bukoko!

Nguyu murage mbasabiye Rurema
Muzabyare buntu mucutse kibyeyi
Dutsembe urwango u Rwanda rw'ejo n'ejobundi
Ruzire imiziro n'amazina gito nka:
-NTAHONTUYE
-NTAMARERERO
-NTAMPUHWE
-NTARWANDA na NDIYUNZE.

Twe twiyunge twunganira urw'ejo
Twunge ubumwe ubuhoro buhinde
Duture dutuze urw'ejo mu mahoro;
Ijabiro kwa Jambo.

Uyu muvugo mwawugezwagaho na:
BIRAGUMA Augustin
Secteur BUHORO
Commune GATARE
C Y A N G U G U

## UMUVUGO: U R W'E J O

Ndengera mubyeyi ndengere urw'ejo.
Mubyeyi wambyaye mubyeyi wabyaye
Cyo mbwiliza ibyiza byizihiye urubyaro
Rwiza rwizihiye uru Rwanda rw'ejo;
Ejo rutajaja rujajaba ruzize ubujiji.

Ni wowe ntakamba ntakira wowe wantanze i RWANDA
Ndangaje imbere ali wowe ndeba
Ndengera rwose ndengere urw'ejo.

Dore ubu bucyeye bucyanye ayandi
Imyaka yakyeje kera none ucyuye
Uwacu:-Umwaka wizihiye uruhinja
-Umwaka wizihiye umubyeyi
-Umwaka wizihiye urubyiruko.

Izibika zali amagi ni wowe ubwirwa
Wowe musore usoretse nawe mwali mwiza
Wizihiye uyu mwaka wacu.

Cyo ngaho cyenyera dukeshe igitaramo
Dukeshe uyu mwaka wacu dukeshe urubyiruko
Ducyeshe ibi byiza bikwiye isi yacu.

Dore isi yose itwibutse bwangu
Tutarangara ngo turangamire ibigoramye
Bigwiza ubugwali bugusha mu rwobo
Rwuzuye amaganya,ngo tuganyire abatugaya;
Bazi ubwiza bw'uru Rwanda rwacu.

Musore nkunda,mwali mwangavu rungano rwanjye;
Ngaragira tugaragaze uru rwego rwacu
Dufatane urunana twulilireho twese twese,
Dore ingazi yarwo igaragiwe natwe twese urubyiruko.

Aliko rero umusore nsaba iyi nama si uyu:
Si wa musore usoreka aho kuziganya ibikorwa
Uziga amaboko ye atazigamye ku lya
Si wa musore usoreka adas orera Leta
Si wa musore usoreka asa n'umusazi,
Si wa musore usoreka asesera igicuku
Acucura rubanda asahura igihugu
Ahunga imuhira aharara amahanga
Ahangara gukuramo amahano,
Intaho ye ikaba imiheno n'amasenga
Yisengera ibyago yisabiye,

Igihe asiga abasore bagenzi be basangiye ubusugu;
Maze nyuma agashengererwa
Ashagawe ashengurwa n'ishavu!

Dore umusore nshima nshaka kuvuga:
Ni wa musore usoreka asabana n'abandi bagana umulimo,
Usoreka asabirwa arwana ku rwe n'urw'ejo
Arwogeza mu mahanga ahangana n'amahanga
Ahigana amahanga ubuhanga buhanitse yahashye
mu Rwanda rwacu rwiza rwegamiye ababyeyi.

Wowe wamboneye izuba;ndabona urenga mpinguka
Subiza amaso inyuma usubize ingobyi i mugongo
Uyobore urw'ejo inzira iboneye
Rugane ibyiza byizihiye urubyiruko;
Rubyiruke kigabo rugabe intwali zilimo
"Abali beza,"bizihiye uru Rwanda rw'ejo.

U M W A L I M W I Z A :

Kuba umwali si wa mwoli
Ni wa mwali uzira ikimwaro akaba umukobwa
Ukwiye gukobwa;si wa mukobwa ukura
Akuranye ubukaka,akoba se, akwena nyina
Akwira hilya hino mu kabali
Abaliwe ifaranga limwangaza iyo
Agakesha ijoro yikosha icupa
Agacurama iyo aculitswe n'inzoga;
Agahera ubwo ahara amagara ye n'
Aya rubanda rwose yiyandalika
Yandagaza urwamwibarutse
Atsemba ubwiza buzize umuco wacu
Abiba ubugome mu rubyiruko yimika
Abagome n'abajura mu rw'ejo;
Ali rwo twali dutezeho ishibu.

Dore umukobwa mu kuli kose:
Ni wa mukobwa ukura akuliye iwabo
Ni wa mukobwa ukura gikobwa
Si wa mukobwa ukura bamukoba!

Ni wa mukobwa ukura agakoshwa
Agakoshwa ibyiza byizihiye umukobwa
Ukwiye gushaka;si wa mukobwa ushaka
Ashaka izina ly'ubugore!

Ni wa mukobwa ushaka ineza
K'uwamushatse bagashinga urwabo rushimwa
Na bene hi bashima urubyaro rwabo rwiza
Ruzira urwango rwugama mu milyango yabo
Rwugalira uru Rwanda rw'ejo.

## U R W'EJO...

Urw'ejo tw ese twese abakuru n'abato
Tugwize ubupfura n'urugwiro
Dukengeze umuco mwiza, duce
Uyu murage mubi w'ababyeyi bamwe ngo:
"Uwo ukunda abyare, n'uwo wanga abyare"
Uvuka mu kunanirana kw '"abana"
No kunanirwa kwa bamwe mu babyeyi
Twe tugororoke, tugororane inzira ikigandwa/

## R E R A M U B Y E Y I

Dore mubyeyi kurera neza bituma umubyeyi
Abyirura ubwirwa akwumva
Bigatuma umwana atera ubwuzu
Ntabe ruvumwa umwe bita icyohe n'icyomanzi.

Ubu hadutse igitotsi mu rubyiruko
Gitokoza gituka izina umubyeyi
Ngo ubyaye wese ni"umubyeyi"
Kandi rwose haliho ubyara ababaye
Ndetse ababaje n'imbaga nyamwinshi;
Irorere nawe nk'uyu mwali
Umwara amwenyera abo yita inshuti
Nyamara bo rwose bamulirora bamuseka ubupfu;
Agasama iyo nda bamuha amenyo,
Yikemanga y'uko atwite, akiha intego yo kuyibyaza idasohoye;
Ngo asubire yitwe isugi mu bandi bali!

Reba nawe iyo ngyi umwana amarana mu nda
Amezi icyenda; aboshwe, ngo yibohore izina kubyara
Urwo ruhinja rugize Rurema rugeze imusozi,
Rugatangalirwa ibi by'igitero
Ndetse na nyina ubwe atarwifuza,
Uretse gutinya Leta yiherereye yaruta.

Ubwo rugaheba impuhwe n'impundu za kibyeyi
Kandi rwose amalira yarwo ali zo yasabaga
Nyirukubyara akarera yanga aho kurera akararuka
Akaroroga araramiye abo yita abakiliye be(client)
Nyamara rwose ali ba kiliyeli
Dore ko badukanye indamutso yakizungura-muco
Ngo ni kizungu (baiser)ikazungura gira so;
Bagasomasomana basobekeranye n'uw o musore
Umusobekeranya ubulyalya bwinshi bumutesha kurera;
Wa mwana akarerwa bupfubyi n'umugiraneza
Ali we mubyeyi nyakubyara.

UKO BILI KOSE UMWANA AGAKURA AKURURUKA
umutima utera nta mutuzo
Akabura uwamuhumuliza.

Yabalirwa uwitiliwe nyina,
Ubwo aje avuye iyo migi yose
Asamye,(undi mwana)asama isazi zikamucika,
Umwana ati:"Ese mawe mi rwose dawe ni nde?"
Ngo mugane muganyire ibyanjye!

Nyina gito yateterwa
Akamutuka iyo nzira yayobotse
Ngo:"Arakabuyera abure iyo akwirwa!"
Niba mbeshya ngaho mbwira nawe rwose
Ko uwo akwiye izina "Umubyeyi?!"

Ndasaba nkomeje muntu wese ufite uruvugiro
Ukaba uzi kuvuga;ngusabye nkomeje vugira ibiragi
Yewe muntu ufite imbone nzima,
Yobora izi mpumyi zilindagira
Uzigeze ibuzima zihumuke,x
Zirore neza zikore ibyiza !

Muganga we wize ibi by'ubuvuzi
Vura izi ndwara zili mu ubujiji!

Muhanga wahangahanzwemo ubuhanga n'Iyaduhanze
Hera none uhangahange mu rw'ejo umuco gakondo
Urw'ejo tuwukebye dukeye dukeze kuli gihanga
Ducyure amaronko turonkere urw'ejo!

Dore ubu mvugana amanga n'amaganya menshi m
Mu by'ukuli rwose si umutako ntaka u Rwanda,
Si n'urubwa ntera uyu ungana nanjye
Simpanura by'abahanuzi;
Si n'ubuhanga mpanze rwos e ,
Rwose ni ibintu mbyirutse mpanga amaso ndora ngatinya!

Ubu ndondogora ntya ndi ikibondo
N'uko rwos e ndafite ikindi nakores hu
Ngo ndamire iyi mbaga!

Ni wowe nganyiye we mubyeyi ,
Nguhebeye rwose kurera "nabi"!

Kurera nabi rwose ni uguhamba ubona!
Mbere mubyeyi ,uwo utabataba iyo;
Niyitaburura iyo wamutabitse uzajya hehe?!
Ko azaza buzimu ubuzima yarabuzinutswe
Akakwitura atitwa izina w amwise ali mahama
N'uyu gisare (indakoreka)
Wowe wamubyaye utakimubwiye ko wamwonkeje ukamuheka!

Ducire mukuli wowe ubyaye ukarera utyo;
Icyo waba urusha igikoko!

Ko ibikoko biherukana na nyina bikiyili mu nda,
Yabigeza imus ozi indahiro ikava aho,
Guca nyina ilyera biragatabwa,
Bigasama isazi,umubu n'utunyugunyugu
Bigas oreka bisobekeranya imishoha
Umujinya mwinshi,bishihana umushiha ibyo birura
Byene wabo ndetse n'abantu biciye ilyera;
Bibatemagurana ubugoma byagabiwe
Na nyagishya nyina iyo.

Cyo ngaho mbwira nawe ko ubwo burere
Bukwiye ikiremwa nkatwe?

Ingero ni nyinshi;dore ubu mu basore benshi
Umubare munini ntawe ucyubaha uw'o arusha ingufu
Kimwe n'ibikoko!

Nkibaza niba urw'ejo icyo kinyabupfura;kizadupfunya?!

IGICE CYA KABILI:URW'EJO RWUJE IMIHIGO...

U R W ' E J O ...

Ndate urw'ejo rutijanwa ubujiji bwajaliwe bujishwe
Izo ntiganda mu kugoyoza abagaya umulimo;
Ingw iza murongo zakwiliye imishwaro.

Muze ntwali z'uru Rwanda,
Mw e kuganira tugane ibuganwa
Tugane iyi ngoro-ngali yacu y'ubutaka
Dutakambire Agoronome na Moniteri n'Animateri
Duterane inkunga duteraniye hamwe
Mu mashyirahamwe,dus hyike ku bigega,tugaragaze ubugabo
Tugabulirw e tugabure,
Dukarage ibondo dukaraga isuka
Dufate ubutaka bwacu neza
Tubutabare icyago isuli izana ubutayu
Ubutaka bwacu butwiture;
Buhoze abana kucura intimba.

Wowe rubyiruko ubyirutse i Rwanda;
Ndanguruye ali wowe ndamira
Ngo turengere urw'ejo,
Ngirango twugalire iki cyago cy'inzara
Yamamaye umugabane wacu w'Afrika;
Tuyamurure mu Rwanda rwacu yanduruke burundu!

Bene date bene mama
Muhaguruke tureke ubute butiha;
Bitababeshya muli makeya dore imihunga muzi mwese
Yahunze ishyamba,
Dore ubu lirangwa n'uru rwimo
Rw'uru rwili rwiliza ubusa;
Dore amahanga yaratamaye k'ubw'ubutayu bwayatashye;
None ko amayaga yacu muzi mwese yayaze murora,
Mwe ko muyagara murayagara mugana hehe?!

Ko n'amahanga muhanze amaso ahangalikijw e
N'icyo cyago cy'iyo ntindi y'inzara ndende,
Izanwa n'izo ngeruza-byiza z'inzererezi zireka gukora.

Si imhalirano ingalisi iyo mu rahanga zihababaliye
Zisaga amagana menshi ya miliyono.

Kuko icyo cyago cy'inzara kiliza umuntu uwo ali wè wese!
Kigira umwana uyu w'ikibondo kikandurura!
Kigira umusore uyu wo gusabirwa kikamusos oramo imisokoro
Agasogobera agasamba ibi byo guhambwa
Kigeruza umugabo ubugabe n'ubugabo kikamugalika!
Kiyagisha umubyeyi umwanzi utamuha amazi buzi
Kikamugabiza ubusahusa imbere y'urubyaro rwo rumwasamiye!
Gituma umukungu akora amakungu agakuga ibye ntaho byigeze biba!
Kigira umutindi indira gutumba atagira inkanda!

Icyo cyago cy'inzara n'amapfa,ubu gipfukiranye Afrika yose
Tugipfapfanye tutipfobya,iwacu i Rwanda
Murakibalirwe ntimukakibone gisa n'umuvumo/

Twe twivumure tugane ibishanga dushis hikaye
Tukizimane ingoyi idacika
Tukibohe she imilya y'abasore bacu b'intarumikwa
Tucyugalize inzitiro nyinshi
Tukimene she inzira iza iwacu
Tukimene she imboni ibigega byinshi byuje iyabo
Amaganya menshi ashire mu magana.

Yewe mwana musore mwali mwiza
Nyunganira tw unganire urwacu rw'ejo
Dufatanye uru rugendo rwacu rwiza rwegamiye
Uru rwego rwacu rwegamiye isi yose
Dufatishe yombi iyi ntwaro ywcu y'abakurambere(isuka)
Batabaranye ikanesha ingamba nyinshi
Twifashishe iyi ngabo yacu itamenwa
Tugwize amashyamba dutabare urwacu rw'ejo
Icyago ubutayu butatira iyo nzigo y'inzara
Ubutayu tububones he inzira ijya i Sahara
Sahara tuyitabare tudatamaye
Ngo dutamaze urwacu rw'ejo.

URW'EJO

Urw'ejo si urubwa si urwango si urwimo
Ni uru rubyaro rwacu rw'ejo turangamiye
Ko uru rugamba rwo kurera ubu ruremye
Ruremereye;rugabwe nande,rurwanye bande?!
Ni wow e mubyeyi!...
Mubyeyi rwesem urw'ejo si izi nzingo
N'izi nyanda zandagaye isi!
Rugira yagize ati:"Tegeka isi"
Yitegeke utegere urw'ejo ubuzima bwiza,
Basogokuruza baturandase mu nzira y'iwurabulindi
None umucyo waraje turahumuka;
Wowe ugifite igihu mu masom yoboza impuguke
Iwacu i Rwanda ONAPO yaje kuduhumura
Ntiyaje guhumanya ingo z'abashakanye!
Yaje ishaka uburere bwiza igira iti:
"Byara uko ushaka aliko ushoboye kurera"
Niba utihaza,wihaliza ku magara y'abo bana ubyara
Wanika ku gasi bazadabagazwa n'umudali!
Yaje yanga inzingo zizengereza umubyeyi!
Yanga inzara izaza izambya imbaga ya muntu
Yanga ubujiji bujujubya ikiremwa muntu.

Muntu ukili mu mwijima uhinyura kwiga ngo ujijuke
Zilikana ibi biragi n'ibi bihuli byahulilijwe
Bikamenya gusoma kubara,
Dore ubu rwose n'impumyi zisomesha umutima ntizititimire
Rw ose va muli icyo gico cy'ubujiji
Ushyire mu gaciro ubere urw'ejo urumuli

## UBURERE BURERA BUTARERERGA URW'EJO

### MUBYEYI !!!...

Mubyeyi rwose rera uwo mwana
Urekae kuganya uvuga ngo:"IMMana ni ko yagututse",
Gorora umwana akili mutoya mu kuli kose
Nzi ko i Gatagara bagorora ibirema
Kugorora ubuzima ni byo bikomeye!

Mugorore,mugorore nararana akagararamba
Umureke avunike rwose umuvuze avuza iyabahanda ati:
"Nawe dawendwanaho ndatamaye;
Ab'ikirema kiremye umutima utatse imbabazi
Utakambire barumuna be,ababulire bahurwe iyo nzira
Yanyuze imugaza: -Bareke urugomo
-Uburara
-Uburaya
-Ubusambo
-Ubugande n'ubugome.

Dore umubyeyi wacu adufatiye ilyibulyo
Ibi bigo ngorora-muco yubaka iteka
ubutaruhuka agahora ahoza ubutitsa
Aba basore be nshi balimo abali n'aba bagabo
Bizereza,agorora imitima yabo ubutaruhuka
Ati: Bana banjye,bana b'u Rwanda;

U Rwanda rwacu ruzazamurwa n'amaboko y'abana barwo"
Akabagorora ntawe avunnye igufwa
Akabatoza gukora imilimo yose
Mu kinyabupfura kizira ipfunwe;
Wowe mubyeyi rwose ko ubwo bubasha wabuhawe na Rurema,
Wagoroye uw o mwana ko igiti kigororwa kikili gito
Izo miliyoni zigorora abasore,zikagoboka
Izi mpfubyi zilira iteka nta kivulira!

Mubyeyi rwose rera uwo mwana
Maze urore ibyo byiza ngo birazimagiza u Rwanda
Murere rwose,yewe nagimbuka umurereshe
Izi nderabarezi zazobereye mu by'ubuhanga
Ziduhangire urw"ejo rwuje ubwuzu ruzi ubwenge.

## URW'EJO

Urw'ejo rwagira amarembo
Rwugururwe rugendwe
Rwizihirwe ruberwe
Tuzarurage tutarugaya ubuswa n'ubusembwa
Turuyobore inzira itayobya uyigana
Bagane ishuli bige byinshi
Iby'ibanze bibe ibyo kuzarera ababo buntu
Ali bwo burere bwiza nsaba umubyeyi
Bige byins hi:
-Utamenya gcura acurange
-Utamenye kudoda abe umuderevu
-Utazi guhimba ngo ahange,
-Ahinge yeze ahunike
-Abone uko ahenda ijoro;
Utaminuje iyo mu mashuli ya kaminuza
Yige imyuga:
-Yubake
-Abaze
-Yorore
Ejo ataroroga arora ibumusiga.

## URW'EJO

Urw'ejo twiyereke twidagadure tudamaraye
Twivuge batuvuga ibigwi batulilimba
Dutere ishyengo dutaka u Rwanda rwacu
Amahoro n'ubumwe turusha abandi;
Bibere umukindo u Rwanda rwacu
Rusumbye ubwiza Zahabu na diyama,
Intego yacu ibe indangamirwa ku isi yose
Twe dore amahirwe turusha abandi
Dore twe tuvutse mu gihe gituje ituze
Ntawe utuvutsa ibili ibyacu;
Tugororwe yewe tugororoke
Tugororane inzira itarasiba ngo izimize urw'ejo
Nyuma ruzahabire mu nyanja yuje umuvumo.

Muze dushakire hasi kubura hejuru
Uburere bukwiye abarerwa bacu
Nabo bazabyare abana beza
Aho kubyara ibirura n'ibirara biroroga bukoko!

Nguyu murage mbasabiye Rurema
Muzabyare buntu mucutse kibyeyi
Dutsembe urwango u Rwanda rw'ejo n'ejobundi
Ruzire imiziro n'amazina gito nka:
-NTAHONTUYE
-NTAMARERERO
-NTAMPUHWE
-NTARWANDA na NDIYUNZE.

Twe twiyunge twunganira urw'ejo
Twunge ubumwe ubuhoro buhinde
Duture dutuze urw'ejo mu mahoro;
Ijabiro kwa Jambo.

Uyu muvugo mwawugezwagaho na:
BIRAGUMA Augustin
Secteur BUHORO
Commune GATARE
C Y A N G U G U

## UMUVUGO: U R W'E J O

Ndengera mubyeyi ndengere urw'ejo.
Mubyeyi wambyaye mubyeyi wabyaye
Cyo mbwiliza ibyiza byizihiye urubyaro
Rwiza rwizihiye uru Rwanda rw'ejo;
Ejo rutajaja rujajaba ruzize ubujiji.

Ni wowe ntakamba ntakira wowe wantanze i RWANDA
Ndangaje imbere ali wowe ndeba
Ndengera rwose ndengere urw'ejo.

Dore ubu bucyeye bucyanye ayandi
Imyaka yakyeje kera none ucyuye
Uwacu:-Umwaka wizihiye uruhinja
-Umwaka wizihiye umubyeyi
-Umwaka wizihiye urubyiruko.

Izibika zali amagi ni wowe ubwirwa
Wowe musore usoretse nawe mwali mwiza
Wizihiye uyu mwaka wacu.

Cyo ngaho oyenyera dukeshe igitaramo
Dukeshe uyu mwaka wacu dukeshe urubyiruko
Ducyeshe ibi byiza bikwiye isi yacu.

Dore isi yose itwibutse bwangu
Tutarangara ngo turangamire ibigoramye
Bigwiza ubugwali bigusha mu rwobo
Rwuzuye amaganya,ngo tuganyire abatugaya;
Bazi ubwiza bw'uru Rwanda rwacu.

Musore nkunda,mwali mwangavu rungano rwanjye;
Ngaragira tugaragaze uru rwego rwacu
Dufatane urunana twulilireho twese twese,
Dore ingazi yarwo igaragiwe natwe twese urubyiruko.

Aliko rero umusore nsaba iyi nama si uyu:
Si wa musore usoreka aho kuziganya ibikorwa
Uziga amaboko ye atazigamye ku lya
Si wa musore usoreka adas orera Leta
Si wa musore usoreka asa n'umusazi,
Si wa musore usoreka asesera igicuku
Acucura rubanda asahura igihugu
Ahunga imuhira aharara amahanga
Ahangara gukuramo amahano,
Intaho ye ikaba imiheno n'amasenga
Yisengera ibyago yisabiye,

Igihe asiga abasore bagenzi be basangiye ubusugu;
Maze nyuma agashengererwa
Ashagawe ashengurwa n'ishavu!

Dore umusore nshima nshaka kuvuga:
Ni wa musore usoreka asabana n'abandi bagana umulimo,
Usoreka asabirwa arwana ku rwe n'urw'ejo
Arwogeza mu mahanga ahangana n'amahanga
Ahigana amahanga ubuhanga buhanitse yahashye
mu Rwanda rwacu rwiza rwegamiye ababyeyi.

Wowe wamboneye izuba;ndabona urenga mpinguka
Subiza amaso inyuma usubize ingobyi i mugongo
Uyobore urw'ejo inzira iboneye
Rugane ibyiza byizihiye urubyiruko;
Rubyiruke kigabo rugabe intwali zilimo
"Abali beza,"bizihiye uru Rwanda rw'ejo.

### U M W A L I M W I Z A :

Kuba umwali si wa mwoli
Ni wa mwali uzira ikimwaro akaba umukobwa
Ukwiye gukobwa;si wa mukobwa ukura
Akuranye ubukaka,akoba se, akwena nyina
Akwira hilya hino mu kabali
Abaliwe ifaranga limwangaza iyo
Agakesha ijoro yikosha icupa
Agacurama iyo aculitswe n'inzoga;
Agahera ubwo ahara amagara ye n'
Aya rubanda rwose yiyandalika
Yandagaza urwamwibarutse
Atsemba ubwiza buzize umuco wacu
Abiba ubugome mu rubyiruko yimika
Abagome n'abajura mu rw'ejo;
Ali rwo twali dutezeho ishibu.

Dore umukobwa mu kuli kose:
Ni wa mukobwa ukura akuliye iwabo
Ni wa mukobwa ukura gikobwa
Si wa mukobwa ukura bamukoba!

Ni wa mukobwa ukura agakoshwa
Agakoshwa ibyiza byizihiye umukobwa
Ukwiye gushaka;si wa mukobwa ushaka
Ashaka izina ly'ubugore!

Ni wa mukobwa ushaka ineza
K'uwamushatse bagashinga urwabo rushimwa
Na bene hi bashima urubyaro rwabo rwiza
Ruzira urwango rwugama mu milyango yabo
Rwugalira uru Rwanda rw'ejo.

## U R W'EJO...

Urw'ejo tw ese twese abakuru n'abato
Tugwize ubupfura n'urugwiro
Dukengeze umuco mwiza, duce
Uyu murage mubi w'ababyeyi bamwe ngo:
"Uwo ukunda abyare, n'uwo wanga abyare"
Uvuka mu kunanirana kw '"abana"
No kunanirwa kwa bamwe mu babyeyi
Twe tugororoke, tugororane inzira ikigendwa.

## R E R A M U B Y E Y I

Dore mubyeyi kurera neza bituma umubyeyi
Abyirura ubwirwa akwumva
Bigatuma umwana atera ubwuzu
Ntabe ruvumwa umwe bita icyohe n'icyomanzi.

Ubu hadutse igitotsi mu rubyiruko
Gitokoza gituka izina umubyeyi
Ngo ubyaye wese ni"umubyeyi"
Kandi rwose haliho ubyara ababaye
Ndetse ababaje n'imbaga nyamwinshi;
Irorere nawe nk'uyu mwali
Umwara amwenyera abo yita inshuti
Nyamara bo rwose bamulirora bamuseka ubupfu;
Agasama iyo nda bamuha amenyo,
Yikemanga y'uko atwite, akiha intego yo kuyibyaza idasohoye;
Ngo asubire yitwe isugi mu bandi bali!

Reba nawe iyo ngyi umwana amarana mu nda
Amezi icyenda; aboshwe, ngo yibohore izina kubyara
Urwo ruhinja rugize Rurema rugeze imusozi,
Rugatangalirwa ibi by'igitero
Ndetse na nyina ubwe atarwifuza,
Uretse gutinya Leta yiherereye yaruta.

Ubwo rugaheba impuhwe n'impundu za kibyeyi
Kandi rwose amalira yarwo ali zo yasabaga
Nyirukubyara akarera yanga aho kurera akararuka
Akaroroga araramiye abo yita abakiliye be(client)
Nyamara rwose ali ba kiliyeli
Dore ko badukanye indamutso yakizungura-muco
Ngo ni kizungu (baiser)ikazungura gira so;
Bagasomasomana basobekeranye n'uw o musore
Umusobekeranya ubulyalya bwinshi bumutesha kurera;
Wa mwana akarerwa bupfubyi n'umugiraneza
Ali we mubyeyi nyakubyara.

UKO BILI KOSE UMWANA AGAKURA AKURURUKA
umutima utera nta mutuzo
Akabura uwamuhumuliza.

Yabalirwa uwitiliwe nyina,
Ubwo aje avuye iyo migi yose
Asamye,(undi mwana)asama isazi zikamucika,
Umwana ati:"Ese mawe ~~mi~~ rwose dawe ni nde?"
Ngo mugane muganyire ibyanjye!

Nyina gito yatetorwa
Akamutuka iyo nzira yayobotse
Ngo:"Arakabuyera abure iyo akwirwa!"
Niba mbeshya ngaho mbwira nawe rwose
Ko uwo akwiye izina "Umubyeyi?!"

Ndasaba nkomeje muntu wese ufite uruvugiro
Ukaba uzi kuvuga;ngusabye nkomeje vugira ibiragi
Yewe muntu ufite imbone nzima,
Yobora izi mpumyi zilindagira
Uzigeze ibuzima zihumuke,
Zirore neza zikore ibyiza!

Muganga we wize ibi by'ubuvuzi
Vura izi ndwara zili mu ubujiji!

Muhanga wahangahanzwemo ubuhanga n'Iyaduhanze
Hera none uhangahange mu rw'ejo umuco gakondo
Urw'ejo tuwukebye dukeye dukeze kuli gihanga
Ducyure amaronko turonkere urw'ejo!

Dore ubu mvugana amanga n'amaganya menshi
Mu by'ukuli rwose si umutako ntaka u Rwanda,
Si n'urubwa ntera uyu ungana nanjye
Simpanura by'abahanuzi;
Si n'ubuhanga mpanze rwos e ,
Rwose ni ibintu mbyirutse mpanga amaso ndora ngatinya!

Ubu ndondogora ntya ndi ikibondo
N'uko rwos e ndafite ikindi nakores hu
Ngo ndamire iyi mbaga!

Ni wowe nganyiye we mubyeyi ,
Nguhebeye rwose kurera "nabi".

Kurera nabi rwose ni uguhamba ubona!
Mbere mubyeyi ,uwo utabataba iyo;
Niyitaburura iyo wamutabitse uzajya hehe?!
Ko azaza buzimu ubuzima yarabuzinutswe
Akakwitura atitwa izina w amwise ali mahama
N'uyu gisare (indakoreka)
Wowe wamubyaye utakimubwiye ko wamwonkeje ukamuheka!

Ducire mukuli wowe ubyaye ukarera utyo;
Icyo waba urusha igikoko!

Ko ibikoko biherukana na nyina bikiyili mu nda,
Yabigeza imus ozi indahiro ikava aho,
Guca nyina ilyera biragatabwa,
Bigasama isazi,umubu n'utunyugunyugu
Bigas oreka bisobekeranya imishoha
Umujinya mwinshi,bishihana umushiha ibyo birura
Byene wabo ndetse n'abantu biciye ilyora;
Bibatemagurana ubugoma byagabiwe
Na nyagishya nyina iyo.

Cyo ngaho mbwira nawe ko ubwo burere
Bukwiye ikiremwa nkatwe?

Ingero ni nyinshi;dore ubu mu basore benshi
Umubare munini ntawe ucyubaha uw'o arusha ingufu
Kimwe n'ibikoko!

Nkibaza niba urw'ejo icyo kinyabupfura;kizadupfunya?!

IGICE CYA KABILI:URW'EJO RWUJE IMIHIGO...

U R W ' E J O ...

Ndate urw'ejo rutijanwa ubujiji bwajaliwe bujishwe
Izo ntiganda mu kugoyoza abagaya umulimo;
Ingw iza murongo zakwiliye imishwaro.

Muze ntwali z'uru Rwanda,
Mw e kuganira tugane ibuganwa
Tugane iyi ngoro-ngali yacu y'ubutaka
Dutakambire Agoronome na Moniteri n'Animateri
Duterane inkunga duteraniye hamwe
Mu mashyirahamwe,dus hyike ku bigega,tugaragaze ubugabo
Tugabulirw e tugabure,
Dukarage ibondo dukaraga isuka
Dufate ubutaka bwacu neza
Tubutabare icyago isuli izana ubutayu
Ubutaka bwacu butwiture;
Buhoze abana gucura intimba.

Wowe rubyiruko ubyirutse i Rwanda;
Ndanguruye ali wowe ndamira
Ngo turengere urw'ejo,
Ngirango twugalire iki cyago cy'inzara
Yamamaye umugabane wacu w'Afrika;
Tuyamurure mu Rwanda rwacu yanduruke burundu!

Bene date bene mama
Muhaguruke tureke ubute butiha;
Bitababeshya muli makeya dore imihunga muzi mwese
Yahunze ishyamba,
Dore ubu lirangwa n'uru rwimo
Rw'uru rwili rwiliza ubusa;
Dore amahanga yaratamaye k'ubw'ubutayu bwayatashye;
None ko amayaga yacu muzi mwese yayaze murora,
Mwe ko muyagara murayagara mugana hehe?!

Ko n'amahanga muhanze amaso ahangalikijw e
N'icyo cyago cy'iyo ntindi y'inzara ndende,
Izanwa n'izo ngeruza-byiza z'inzererezi zireka gukora.

Si imhalirano ingalisi iyo mu rahanga zihababaliye
Zisaga amagana menshi ya miliyono.

Kuko icyo cyago cy'inzara kiliza umuntu uwo ali wè wese!
Kigira umwana uyu w'ikibondo kikandurura!
Kigira umusore uyu wo gusabirwa kikamusosa oramo imisokoro
Agasogobera agasamba ibi byo guhambwa
Kigeruza umugabo ubugabe n'ubugabo kikamugalika!
Kiyagisha umubyeyi umwanzi utamuha amazi buzi
Kikamugabiza ubusabusa imbere y'urubyaro rwo rumwasamiye!
Gituma umukungu akora amakungu agakuga ibye ntaho byigeze biba!
Kigira umutindi indira gutumba atagira inkanda!

Icyo cyago cy'inzara n'amapfa,ubu gipfukiranye Afrika yose
Tugipfapfanye tutipfobya,iwacu i Rwanda
Murakibalirwe ntimukakibone gisa n'umuvumo/

Twe twivumure tugane ibishanga dushaka hikaye
Tukizimane ingoyi idacika
Tukiboheshe imilya y'abasore bacu b'intarumikwa
Tucyugalize inzitiro nyinshi
Tukimeneshe inzira iza iwacu
Tukimeneshe imboni ibigega byinshi byuje iyabo
Amaganya menshi ashire mu magana.

Yewe mwana musore mwali mwiza
Nyunganira tw unganire urwacu rw'ejo
Dufatanye uru rugendo rwacu rwiza rwegamiye
Uru rwego rwacu rwegamiye isi yose
Dufatishe yombi iyi ntwaro yacu y'abakurambere(isuka)
Batabaranye ikanesha ingamba nyinshi
Twifashishe iyi ngabo yacu itamenwa
Tugwize amashyamba dutabare urwacu rw'ejo
Icyago ubutayu butatira iyo nzigo y'inzara
Ubutayu tububones he inzira ijya i Sahara
Sahara tuyitabare tudatamaye
Ngo dutamaze urwacu rw'ejo.

URW'EJO

Urw'ejo si urubwa si urwango si urwimo
Ni uru rubyaro rwacu rw'ejo turangamiye
Ko uru rugamba rwo kurera ubu ruremye
Ruremereye;rugabwe nande,rurwanye bande?!
Ni wow e mubyeyi!...
Mubyeyi rwasem urw'ejo si izi nzingo
N'izi nyanda zandagaye isi!
Rugira yagize ati:"Tegeka isi"
Yitegeke utegere urw'ejo ubuzima bwiza,
Basogukuruza baturandase mu nzira y'iburabulindi
None umucyo waraje turahumuka;
Wowe ugifite igihu mu masom yoboza impuguke
Iwacu i Rwanda ONAPO yaje kuduhumura
Ntiyaje guhumanya ingo z'abashakanye!
Yaje ishaka ubu rere bwiza igira iti:
"Byara uko ushaka aliko ushoboye kurera"
Niba utihaza,wihaliza ku magara y'abo bana ubyara
Wanika ku gasi bazadabagazwa n'umudali!
Yaje yanga inzingo zizengereza umubyeyi!
Yanga inzara izaza izambya imbaga ya muntu
Yanga ubujiji bujujubya ikiremwa muntu.

Muntu ukili mu mwijima uhinyura kwiga ngo ujijuke
Zilikana ibi biragi n'ibi bihuli byahulilijwe
Bikamenya gusoma kubara;
Dore ubu rwose n'impumyi zisomesha umutima ntizititimire
Rw ose va muli icyo gico cy'ubujiji
Ushyire mu gaciro ubere urw'ejo urumuli

## UBURERE BURERA BUTAREREGA URW'EJO

### MUBYEYI !!!...

Mubyeyi rwose rera uwo mwana
Urekae kuganya uvuga ngo:"IMMana ni ko yagututse",
Gorora umwana akili mutoya mu kuli kose
Nzi ko i gatagara bagorora ibirema
Kugorora ubuzima ni byo bikomeye!

Mugorore,mugorore nararama akagararamba
Umureke avunike rwose umuvuze avuza iyabahanda ati:
"Mawe dawendwanaho ndatamaye;
Ab'ikirema kiremye umutima utatse imbabazi
Utakambire barumuna be,ababulire bahurwe iyo nzira
Yanyuze imugaza:
-Bareke urugomo
-Uburara
-Uburaya
-Ubusambo
-Ubugande n'ubugome.

Dore umubyeyi wacu adufatiye ilybibulyo
Ibi bigo ngorora-muco yubaka iteka
ubutaruhuka agahora ahoza ubutitsa
Aba basore be nshi balimo abali n'aba bagabo
Bizereza agorora imitima yabo ubutaruhuka
Ati: Bana banjye,bana b'u Rwanda;

U Rwanda rwacu ruzazamurwa n'amaboko y'abana barwo"
Akabagorora ntawe avunnye igufwa
Akabatoza gukora imilimo yose
Mu kinyabupfura kizira ipfunwe;
Wowe mubyeyi rwose ko ubwo bubasha wabuhawe na Rurema,
Wagoroye uw o mwana ko igiti kigororwa kikili gito
Izo miliyoni zigorora abasore,zikagoboka
Izi mpfubyi zilira iteka nta kivulira!

Mubyeyi rwose rera uwo mwana
Maze urore ibyo byiza ngo birazimagiza u Rwanda
Murere rwose,yewe nagimbuka umurereshe
Izi nderabarezi zazobereye mu by'ubuhanga
Ziduhangire urw"ejo rwuje ubwuzu ruzi ubwenge.

URW'EJO

Urw'ejo rwagira amarembo
Rwugururwe rugendwe
Rwizihirwe ruberwe
Tuzarurage tutarugaya ubuswa n'ubusembwa
Turuyobore inzira itayobya uyigana
Bagane ishuli bige byinshi
Iby'ibanze bibe ibyo kuzarera ababo buntu
Ali bwo burere bwiza nsaba umubyeyi
Bige byins hi:
-Utamenya gcura acurange
-Utamenye kudoda abe umuderevu
-Utazi guhimba ngo ahange,
-Ahinge yeze ahunike
-Abone uko ahenda ijoro;
Utaminuje iyo mu mashuli ya kaminuza
Yige imyuga:
-Yubake
-Abaze
-Yorore
Ejo atararoga arora ibumusiga.

URW'EJO

Urw'ejo twiyereke twidagadure tudamaraye
Twivuge batuvuga ibigwi batulilimba
Dutere ishyengo dutaka u Rwanda rwacu
Amahoro n'ubumwe turusha abandi;
Bibere umukindo u Rwanda rwacu
Rusumbye ubwiza Zahabu na diyama,
Intego yacu ibe indangamirwa ku isi yose
Twe dore amahirwe turusha abandi
Dore twe tuvutse mu gihe gituje ituze
Ntawe utuvutsa ibili ibyacu;
Tugororwe yewe tugororoke
Tugororane inzira itarasiba ngo izimize urw'ejo
Nyuma ruzahabire mu nyanja yuje umuvumo.

Muze dushakire hasi kubura hejuru
Uburere bukwiye abarerwa bacu
Nabo bazabyare abana beza
Aho kubyara ibirura n'ibirara biroroga bukoko!

Nguyu murage mbasabiye Rurema
Muzabyare buntu mucutse kibyeyi
Dutsembe urwango u Rwanda rw'ejo n'ejobundi
Ruzire imiziro n'amazina gito nka:
-NTAHONTUYE
-NTAMARERERO
-NTAMPUHWE
-NTARWANDA na NDIYUNZE.

Twe twiyunge twunganira urw'ejo
Twunge ubumwe ubuhoro buhinde
Duture dutuze urw'ejo mu mahoro;
Ijabiro kwa Jambo.

Uyu muvugo mwawugezwagaho na:
BIRAGUMA Augustin
Secteur BUHORO
Commune GATARE
C Y A N G U G U